

Amamenyesha ajyanye no guhagarika icyemezo cy'uko umuntu ari impunzi
Ibyahindutse n'uko wakwitegura

Impinduka iherutse gukorwa na guverinoma ishobora kugira ingaruka ku mpunzi zimwe na zimwe zitarabona Green Card (ikarita yemerera umuntu gutura muri Amerika burundu), harimo n'impunzi zamaze kuyisaba ariko zikaba zitarayibona.

Turabasaba gusoma aya makuru kugira ngo mwitegure. Ntimugire ubwoba. icy'ingenzi ni ukumenya icyo mugomba gukora.

Guverinoma ishobora kuboherereza ibaruwa yitwa:

Imenyeshya ry'umugambi wo guhagarika icyemezo cy'uko umuntu ari impunzi (Notice of Intent to Terminate - NOIT)



Nuramuka wakiriye iyi baruwa, uzaba ufite igihe gito cyane cyo kuyisubiza!

Iminsi 10


Niba imenyeshya riguhawe imbonankubone

Iminsi 13

Niba imenyeshya ryoherejwe mu iposita

URUGERO RW'IBARUWA

Ibaruwa ishobora kuba isa n'iyi, cyangwa ikaba ifite indi shusho.



Igihe ntarengwa ni iminsi 13 uhaye ku itariki USCIS yoherejeho ibaruwa mu iposita. Iminsi y'impera z'icyumweru n'iminsi y'ikiruhuko nayo irabarwa. Iyo umunsi wa 13 ubaye ku wa gatandatu, ku cyumweru cyangwa ku muni w'ikiruhuko cya guverinoma ya Amerika, igihe ntarengwa cyimurirwa ku muni w'akazi ukurikiyeho.

U.S. Department of Homeland Security ATTN: PARRIS
401 W. Peachtree St., Ste. 2500
Atlanta, GA 30308
[USCIS Logo]

Date: []

[Name]

Notice of Intent to Terminate Refugee Status

Re: [A#]

Dear [Name]

The purpose of this letter is to notify you of the intent of U.S. Citizenship and Immigration Services (USCIS) to terminate the refugee status you were granted upon admission on []. The sole basis for terminating the status of an alien admitted to the United States as a refugee under section 207 of the Immigration and Nationality Act (Act) is a determination that he/she was not a refugee within the meaning of Section 101 (a)(42) of the Act at the time of his/her admission. See Matter of Garcia-Alzugaray - 19 I&N Dec. 407 (BIA 1986) and INA 207(c)(4). Section 101(a)(42) of the Act states in pertinent part:

The term "refugee" means any person ... who is unable or unwilling to return to, and is unable or unwilling to avail himself or herself of the protection of, that country because of persecution or a well-founded fear of persecution on account of race, religion, nationality, membership in a particular social group, or political opinion ...

Following post-admission review and reverification of your case, available evidence indicates you did not meet the definition of a refugee under the Act at the time of your admission to the United States. [If applicable -- "You were requested to attend a post-admission reinterview to establish certain elements of your refugee case that did not meet the standard of proof at the time of your initial interview and adjudication."]

[Past Persecution]

[SAMPLE -- Past Persecution Not Established]

On [date], you were interviewed in [country] by USCIS. Your original approval of Form I-590 was based on claims of past persecution and a well-founded fear of future persecution in your country of origin. []. In support of your claim of past persecution, during your refugee processing interview, you indicated that []. Your claim of well-founded fear was based on []. However, the available evidence does not sufficiently establish all the required elements of past persecution or a well-founded fear.

For refugee cases, past persecution is established when an applicant demonstrates that they have suffered significant harm or mistreatment in their country of origin on account of one or more of the five protected grounds: race, religion, nationality, membership in a particular social group, or political opinion. The harm must be substantial,

⁴¹ On October 14, 2026, DHS noticed an Interim Final Rule (IFR), reducing refugees' time to respond to Notices of Intent to Terminate their Refugee Status from thirty days to ten days. NOIT's issued on or after October 14, 2026 are expected to contain different language regarding deadlines.

This document was published on February 26, 2026 and last updated on October 14, 2026. Check other sources for changes since the last update. This document is provided for informational purposes only and not as legal advice.

AMAKURU Y'INGENZI!



Niba udatanze igisubizo mbere y'uko igihe ntarengwa kirangira, USCIS ivuga ko izahagarika icyemezo cy'uko uri impunzi.

Iyo icyemezo cy'uko umuntu ari impunzi gihagaritswe:

- Uburenganzira bwawe bwo gukora bushingiye ku kuba uri impunzi burarangira.
- Guverinoma ishobora gutangira inzira y'amategeko yo kukwirukana muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Imenyeshya ry'umugambi wo guhagarika icyemezo cy'uko umuntu ari impunzi (Notice of Intent to Terminate - NOIT) Si icyemezo cya nyuma. Ufite uburenganzira bwo gutanga igisubizo!

IBINTU BITATU BY'INGENZI ushobora gukora ubu:

1

Buri gihe jya utanga amakuru y'aho utuye agezweho.

Niba wimutse, hita wuzuzura kandi wohereze Ifishi AR-11 (Form AR-11) kuri interineti.

uscis.gov/addresschange

2

Jya ureba mu gasanduku kawe k'iposita buri muni.

Igihe ntarengwa cyo gutanga igisubizo kibarwa uhagaze ku itariki USCIS yoherejeho imenyeshya mu iposita, ntabwo ari itariki warikiriye. Iminsi y'impera z'icyumweru n'iminsi y'ikiruhuko nayo irabarwa! Iyo umunsi wa nyuma ubaye ku wa gatandatu, ku cyumweru cyangwa ku muni w'ikiruhuko cya guverinoma ya Amerika, igihe ntarengwa cyimurirwa ku muni w'akazi ukurikiye.

3

Shaka ubufasha ako kanya niba wakiriye ibaruwa ifite imwe muri izi nyito:

- Imenyeshya ry'umugambi wo guhagarika icyemezo cy'uko umuntu ari impunzi (Notice of Intent to Terminate - NOIT)
- Imenyeshya ryo guhagarika icyemezo cy'uko umuntu ari impunzi (Termination Notice)
- Imenyeshya rigusaba kwitaba urukiko rw'abinjira n'abasohoka mu gihugu (Notice to Appear)

SHAKA UBUFASHA



Center for Immigrant & Refugee Advancement



4223 Center St.
Omaha, NE, 68105



Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu
Kuva saa 9:00 za mu gitondo kugeza saa 5:00 z'umugoroba



1-855-307-6730

Nyuma y'amasaha y'akazi no mu mpera z'icyumweru

Niba udashoboye kuvugana na CIRA, ushobora kohereza imenyeshya wakiriye kuri Restoring Dignity ukoresheje imeyili cyangwa ubutumwa bugufi kuri telefone. Tuzagufasha kuvugana na CIRA.



info@rdomaha.org



402-370-9777



Ntituzi umubare w'aya mamenyesha azoherezwa mu iposita. Kandi ntidushaka gutera umuntu uwo ari we wese ubwoba.

Turabasaba kudahagarika umutima.

Icy'ingenzi ni ukumenya icyo ugomba gukora niba wakiriye rimwe muri aya mamenyesha. Hari abantu benshi bafite umutima mwiza biteguye kugufasha no kukuyobora muri iyi nzira!